**AMASHURI YISUMBUYE**
**IKICIRO RUSANGE**
**UMWAKA WA KABIRI**

**IKIZAAMIÎNI K'ÎKINYARWAANDA/60**

a. ***Iki kizamini kigizwe n'ibice bikurikira:***
   - *Gusoma, kumva no gusesengura umwandiko*
   - *Ikibonezamvugo*
   - *Ubuvanganzo*
   - *Ihangamwandiko.*
b. ***Subiza ibibazo byose wita ku itonde ryabyo, wirinda gusiba kandi wita no ku myandikire yemewe y'Ikinyarwanda.***

---

**Umwandiko**: **Habaye imara**

*Uyu mugani abanyarwanda bawuca* ***iyo*** *babonye ahantu hashize abantu cyangwa ibintu byari bihijihije, ni bwo bagira* ***bati:*** *''habaye imara". Wakomotse ku musozi witwa Mara wo mu Busanza (Rusatira-Butare), ahasaga umwaka wa 1500.*

Ruganzu Ndori yamaze kubunduka i Karagwe k'Abahinda kwa nyirasenge Nyabunyana agarutse kubura u Rwanda, abiru bararumutambagiza, bamwereka rubanda bababwira ko izina rye ry'ubwami ari Ruganzu. Rubanda bamwe baramwemera, baramuyoboka, **abandi** ntibamwemera baramugandira, bituma agomba kubayoboza igitsure. Abanza kuyobokwa n'abasore b'i Byumba n'u Bwanacyambwe n'u Bumbogo, ariko na bo ari bake, ni bo yaremyemo umutwe w'uburiza bw'ingabo **ze** zitwa "Ibisumizi." Amaze kurema uwo mutwe w'ingabo ze, abanza kujya kuyobora i Kinyaga, atsinda umuhinza waho witwaga Mukire amukubise intorezo (ni yo yahoze ibwami yitwa Rwamukire).

Nuko Ndori amaze kuyobora i Kinyaga, aboneza mu Nduga atunguka i Mara na Ruhashya ho mu Busanza (Butare), ahagera bwije, aho agiye gucumbika bamutera ibirago. Arambuka ajya I Ruhashya gucumbikayo, bo baramwakira bamucanira indaro. Agumya kurambagira u Rwanda, abasore benshi baramuyoboka binjira mu mutwe w'ingabo ze (ibisumizi). Abonye amaze kugwiza amaboko, yibuka uko wa musozi wa Mara wamugize, asubirayo kugira ngo arebe ko bongera kwanga kumumucumbikira, agezeyo ngo bamubwira amagambo mabi cyane, bavuga ko atari mwene Ndahiro. Ndori abibonye atyo agaba Ibisumizi kuri Mara bararwana. Ibisumizi biraharimarima biratsemba ntihasigara n'uwo kubara inkuru. Amaze guteza Mara itabi, ajya gutanga ibibanza i Ruhashya, ni rwo rugo rwe rwa mbere mu Rwanda. Amaze kubaka i Ruhashya aca iteka ko nta muntu uzongera gutura i Mara, ndetse ngo ntihazagire n'inka ziharisha.

Nuko kuva ubwo, bakajya bahahamba abantu, bituma hakurizaho kuvuga ko aho abantu n'ibintu byashize habaye imara (i Mara). Hongeye gutuzwa na Kigeri Nyamuheshera, umwuzukuru wa Ndori.

Kugira ahantu imara= kuhatsemba ibyari bihizihije.

## A. KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO /7

**1. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko /5**

a. Uyu mwandiko ni bwoko ki?
b. Ni bande batangaje izina ry'ubwami rya Ndori?
c. Rubanda bakiriye bate umwami Ruganzu Ndori?
d. Ku ikubitiro ni bande bayobotse Ruganzu Ndori?
e. Ni irihe teka ryaciwe kubera ubugome bwa Mara?

**2. Inyunguramagambo /2**

Sobanura amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko

a. Kubunduka
b. Bamutera ibirago
c. Ntihasigara n'uwo kubara inkuru
d. Aca iteka

## B. IKIBONEZAMVUGO/33

**1. Vuga ubwoko bw'amagambo yagaragajwe mu mwandiko/2.5**

**2. Garagaza intêgo n'inteko by'amazina akurikira/2.5**

a. Ubwami
b. Igitsure
c. Itabi
d. Ihene
e. Inzuzi (imigezi)

**3. Ni iyihe mimaro y'amagambo yaciweho akarongo? /4**

a. **Ejo** nzajya mu karere ka Burera.
b. Abanyeshuri bigana **impuzankano y'ubururu.**
c. Za nzoga zanyoye **abavumbyi.**
d. Kera **nabaga** i Gasabo
e. **Ka**rahanyuze.
f. Kubaha abakuruta n'abo uruta ni **ikinyabupfura.**
**g.** Bakoye umukobwa **inka nziza.**
h. Imfura nzima igenda **nka se.**

**4. Kosora izi nteruro ukurikije imyandikire nyayo y'Ikinyarwanda/2.5**

a. Mwari mwaragiye he.
b. Turi mu mwaka w'2022.
c. Situzi icyivugo cye.
d. Wowe umeze nkawe.
e. Nahize mu mwaka w'ibihumbi bibiri na gatanu.

**5. Garagaza ubutinde n'amasaku kuri aya magambo./5**

a. Guharura (kugeza ikivi ku mutwe) #……………(gukura ibyatsi ku mbuga)

b. Ikiriri (cy'umubyeyi wibarutse vuba) #............(ikivunge cy'abantu}
c. Imihigo (icyo umuntu azakora) #......................(amaronko y'umuhigi)
d. Umwenda (bambara)#...................(ideni)
e. Gutembera (guca ahantu kw'amazi) #.....................(kunanura amaguru)

6. **Kora amazina/2**
   a. Kora izina wifashishije utubimbura dutandukanye
   b. Kora izina wifashishije imisuma itadukanye
   c. Kora izina wifashishije igicumbi kisubiramo
   d. Kora izina ushingiye ku ndomo

7. **Shyira interuro zikurikira mu bihe weretswe./2**
   a) We (kutaza: impitakera) mu birori by'umuvandimwe we.
   b) Ba bagabo bahinga imirima yabo (inzakera)
   c) Nge (kutanywa:indagihe y'igikomezo/ ikomeza) neza.
   d) Izuba (kuva:indagihe y'ubusanzwe) cyane mu Ki.

8. **Garagaza intego z'inshinga zikurikira/2.5**
   a. Kubunduka
   b. Guteza
   c. Kunywesha
   d. Gutuzwa
   e. Kujyana

9. **Ikeshamvugo /5**

| Ntibavuga | Bavuga |
|---|---|
| a. Kuvomera inka | |
| b. Amata yaraye ataravura | |
| c. Umushumba utazi undi mwuga | |
| d. Kubika igisabo | |
| e. Kugura ingobyi | |
| f. Gutangira gusya | |
| g. Kubaza ingoma | |
| h. Kurwara k'umwami | |
| i. Imbwa nyinshi | |
| j. Inzu y'impyisi. | |

10. **Tanga imbusane z'aya magambo 2.5**
    a. Kubunda
    b. Kugandira
    c. Kwera
    d. Databukwe
    e. Isugi.

11. **Tahura imvugakimwe z'aya magambo./2.5**
a. Ikiyoni
b. Uruho

c. I Burayi
d. Umurava
**e.** Impanuro

**C. <u>UBUVANGANZO/10</u>**

**1. <u>Sobanura inshoberamahanga zikurikira /2.5</u>**

a. Gukoza agati mu ntozi
b. Kubika umuntu
c. Kugwa gitumo
d. Kuza nk'iya Gatera
e. Kubona ikigira inka imbyeyi.

**2. <u>Uzuza imigani migufi ikurikira /2.5</u>**

a. Akabaye icwende………………..
b. Akanwa karya ntiwumve,…………..
c. …………….uyirira ku Ruyenzi.
d. Imburagihana…………………
e. Utazi umwanzi……….

**3. <u>Garagaza injyana yakoreshejwe muri iyi mikarago /5</u>**

*Ndakomeza ndataha*
*Aho nsanze agacucu*
*Nkahicara umwanya*
*Abagenzi duhuye*
*Bakambaza iyo njya*
*Nti"ahitwaga iwange"*
*Mu kangaratete*
*Ni hino y'itaba*
*Hatazi umuraro*
*Wabaye mu Rwanda*

**D. <u>IHANGAMWANDIKO /10</u>**

Tuvuge ko urangije kwiga mu mwaka wa Kabiri w'amashuri yisumbuye ku ishuri cya G.S Kimironko riherereye mu Karere ka Gasabo, mu Murenge wa Kimironko. Kubera ko ababyeyi bawe bimukiye mu Karere ka Rwamagana mu Murenge wa Muyumbu, andikira umuyobozi w'ishuri rya G.S Muyumbu riherereye muri uwo Murenge mwimukiyemo umusaba ishuri, uvuga ko umwaka utaha wakwiga mu mwaka wa Gatatu kuri iryo shuri abereye umuyobozi.